# AMABWIRIZA AGENGA IKORESHWA RY'AMAZI Y'AMASHYUZA

**Ingingo ya mbere (Intangiriro):**

Itegeko N°49/2018 ryo kuwa 13/08/2018 rigenga imikoreshereze n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda ritanga inshingano zikurikira:

- Ku kigo gishinzwe umutungo kamera w'amazi: *"Inshingano yo gushyira mu bikorwa politiki, ingamba n'amategeko birebana n'umutungo kamere w'amazi"*.
- Ku nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage: *"Inshingano yo kugira uruhare mu kurinda utugezi, imigezi, ibiyaga, amasoko n'amazi y'ikuzimu"*.
- Ku baturage: *"Inshingano yo kurinda no gukoresha neza umutungo kamere w'amazi, haba umuntu ku giti cye cyangwa babikoreye mu bikorwa rusange"*.

**Ingingo ya 2:**

Aya mabwiriza agamije kubungabunga umutungo kamere w'amazi y'amashyuza no kurinda impanuka zishobora guterwa n'ayo mazi.

**Ingingo ya 3:**

Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB) kiramenyesha abantu bose ibi bikurikira:

- Amazi y'amashyuza ni umutungo kamere ukomye, bityo ntibyemewe kuvogera ahantu hose hari amazi y'amashyuza hadafite abagenzuzi babiherewe uruhushya;
- Uruhushya rwo gucunga no kubyaza umusaruro amazi y'amashyuza rutangwa n'Ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB).

**Ingingo ya 4:**

Uruhushya rutangwa ku bikorwa bijyanye n'ubukerarugendo bw'imyidagaduro ikorerwa mu mazi (recreational activities), iby'ubuvuzi bukoresha amazi y'amashyuza cyangwa se ibindi byemejwe n'urwego rubifitiye ububasha ko bikenera amazi y'amashyuza.

**Ingingo ya 5:**

Usaba uruhushya ageza ubusabe ku Kigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB) bugizwe n'ibi bikurikira: Ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Umuyobozi Mukuru wa RWB inyujijwe ku buyobozi bw'Akarere (sous-couvert); Ifishi yujuje neza iboneka ku rubuga www.waterpermit.rwb.rw; Inyemezabwishyu yo gusaba uruhushya rwo gukoresha amazi; Icyemezo cyo kwiyandikisha (Registration certificate); Icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije (EIA certificate); hamwe n'Ikarita igaragaza imbibi z'aho umushinga uzakorera.

**Ingingo ya 6:**

Uhawe uruhushya ategetswe kwita kuri ibi bikurikira:

i. Kuzitira icyanya kibarizwamo amazi y'amashyuza agenzura;

ii. Kwita ku gipimo cy'ubushyuhe bw'amashyuza mbere yo kwemerera abantu kuyinjiramo;

iii. Kwita ku isuku n'ubuziranenge bw'amazi y'amashyuza;

iv. Kwita ku mbibi n'ubujyakuzimu ntarengwa mu rwego rwo kwirinda impanuka zaterwa no kurohama;

v. Kugira abantu bashinzwe umutekano n'abashinzwe ubutabazi babihuguriwe kandi bafite ibikoresho bya ngombwa;

vi. Kugira ibikoresho by'ibanze by'ubwirinzi n'ubutabazi byakwifashishwa mu gihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 7:**

Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze z'aho amazi y'amashyuza aherereye bufatanya n'ikigo Gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (RWB) mu gukurikirana ko uwahawe uruhushya akurikiza ibiteganywa n'aya mabwiriza hamwe n'ibikubiye mu ruhushya.

**Ingingo ya 8:**

Uburyo bwo gusaba uruhushya rwo gukoresha amazi buboneka ku rubuga www.waterpermit.rwb.rw. Ku bindi bisobanuro mwatwandikira kuri info@rwb.rw cyangwa mugahamagara kuri nimero itishyurwa ya RWB: 9977.

Bikorewe i Kigali, kuwa 10/01/2024

**Dr. Emmanuel RUKUNDO**
**Umuyobozi Mukuru**